UMUGEZI WA SEBEYE WONGEYE GUSENYERA ABATURAGE

Mu ijoro ryo ku wa gatandatu rishyira ku wa karindwi Gicurasi 2020, nibwo imvura yaguye yuzuza umugezi wa Sebeya bituma irenga irarengera. Ku wa 07 Gicurasi 2020, uhereye mu gitondo cya kare, uko amazi yagendaga yiyongera ni ko ya yarushijeho kugenda asenyera abaturage amazu batuyemo yangiza n'ibindi bikorwa remezo binyuranye. Urebye muri rusanga abaturage barenga 400 basenyewe na Sebeya bacumbikirwa ahandi nko mu mashuri. Ubu Akarere ka Rubavu gafatanyije n'abafatanyabikorwa nka Caritas n'abandi bari kwita kuri abo baturage basenyewe. Kuri uwo munsi kandi ubwo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo yageraga hirya no hino areba ibyangiritse, yahumurije n'abaturage basenyewe na Sebeya; yari kumwe kandi n'umuyobozi w'Akarere ka Rubavu HABYARIMANA Gilbert, babizeza ko barakomeza kubaba hafi no kubagoboka. Ishuri rya Ecole d'Art ryo ku Nyundo ryaruzuye amazi ajya mu mashuri, muri za dortoire abanyeshuri bacumbikagamo, ibyari muri stock byose byaragiye, inkuta zirenze rumwe zarasenyutse, urebye muri rusange ibyondo byasigaye amazi amaze kugenda nibyo byuzuye imbuga zose za Ecole d'Art yo ku Nyundo. Wagera mu Seminato nto yo ku Nyundo, n'ubwo ho itahangije byinshi bitewe n'imirimo yakozwe na Diyosezi ya Nyundo mbere mu

kwirinda ibiza bya Sebeya, ariko amazi yaruzuye naho ahasiga ibyondo bitari bike.

Ayo mafoto yandi abiri ni ayo muri Ecole d'Art de Nyundo.

Muri Petit Seminaire ku Nyundo

Padiri KWIZERA Jean Marie